Bibiliya y'abana
irerekana

Ibitangaza bya Yesu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.

Yesu yakoze ibitangaza byinshi. Ibitangaza byari ikimenyetso ko Yesu ari umwana w'Imana koko. Igitangaza cya mbere ni ku munsi w'ubukwe. Havutse ikibazo. Nta vino bari bafite ihagije.

Mariya, nyina wa Yesu, amubwira ikibazo, nuko asaba abahereza ko bagomba gukora icyo Yesu abategetse cyose.



Mwuzuze izo ntango amazi, Yesu niko avuze. "Amazi?" Barabajije. Nibyo, n'amazi Yesu asaba.



Yesu avuga abwira umuhereza kudaha kuri imwe mu ntago agahereza umusangwa mukuru ngo asogongere yumve. Amazi yahindutse vino. vino nziza! vino nziza!

Abahereza baratangara.
Yesu yahinduye amazi
Vino. Uwiteka wenyine
niwe washoboye gukora
ibitangaza nk'ibyo.

Yesu yakoze
ibindi bitangaza.
Umugoroba umwe,
we n'abigishwa
be bagiye mu
rugo rwa Petero.
Nyirabukwe wa
Petero yari arwaye
cyane. Yari afite
umuriro.

Yesu afata ukuboko k'umugore urwaye. Mu mwanya muto amererwa neza. Arahaguruka, agaburira Yesu n'abigishwa be.

Wagira ngo abaturage bose
b'umudugudu bari bateraniye
mu muryango wa
Petero uwo mugoroba.
Abarwayi baraje,
impumyi, ibipfamatwi,
ibiragi n'abamugaye.
Hari n'abafite
amadayimoni.
Ese Yesu
yashoboraga
gufasha
abantu
benshi?

Yesu mwana w'Imana yashoboraga kubafasha.
Yesu arabafasha. Abaje bamugana bose barakize.
Abantu bagenderaga ku mbago bashoboye noneho kugenda no gusimbuka.

Abandi baraza, bari bafite uburwayi bw'ibibembe mu maso.

Umubiri wose usa
neza kuko Yesu yari
yabakijije.

Abagore n'abagabo barimo amadayimoni bahagarara imbere ya Yesu. Ategeka amadayimoni kubavamo. Amadayimoni yumvira Yesu. Abantu bose bari batinye kandi bafite ibibazo, baratuza maze barishima.

Nyuma y'umukumbi, hari abagabo bane bafashaga inshuti yabo kwegera Yesu. Kubera ubwinshi bw'abantu, ntibashoboye kumwegera bihagije. Bakoze iki?

Bazamuye umurwayi ku gisenge
cy'inzu, abo bavandimwe
bane bavanaho isakaro,
bamucisha mu mwenge
bamugeza hasi.
Yegereye
Yesu.

Yesu abona ko abo bagabo bane bari bafite ukwizera. Abwira wa murwayi, "ibyaha byawe birakijijwe. Fata uburiri bwawe maze ugende." Umugabo arahaguruka neza afite imbaraga. Yesu yari yamukijije.

Nyuma gato, Yesu yari mu bwato n'abigishwa be. Umuhengeri ukanganye uteza imiraba mu nyanja. Yesu yari asinziriye. Abigishwa bafatwa n'ubwoba. "Mwami, dutabare", baratabaza. "Turapfuye!"

"Tuza", Yesu ategeka imiraba. Ako kanya inyanja iratuza. Mbega ubwoko bw'umuntu? uko niko abigishwa bongoreranye. Umuhengeri n'amazi biramwumvira. Bizera Yesu ko ari umwana w'Imana kubera ibitangaza yakoze byerekana ikuzo rye. Abigishwa ntibari bakamenye kuzabona

yesu akora ibitangaza birenze ibyo babonye ubwo yamamazaga Imana mu bantu.



Ibitangaza bya Yesu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 8-9, Mariko 1-2, Mariko 4,
Luka 4, Luka 8, Yohana 2

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16